# Ese koko iyi si iyoborwa na Illuminati ? (Igice cya Gatanu : ibisoza)




*Muri iki gice cya nyuma ku byerekeranye n'imbaraga za Illuminati mu kuyobora isi, ndagaruka ku byo bamwe basabye byerekeye aho bakura ayo makuru. Gusa kuri bamwe byaba byiza babanje gusoma ibice byabanjirije iki kugirango babashe gusobanukirwa neza :*

- Kanda hano usome igice cya mbere cy'iyi nkuru ;
- Kanda hano usome igice cya kabiri cy'iyi nkuru ;

- Kanda hano usome igice cya gatatu cy'iyi nkuru ;
- Kanda hano usome igice cya kane cy'iyi nkuru.

Abantu benshi bagiye bashaka kumenya Illuminati birenzeho ariko abayirimo bagira ibanga, akaba ari nayo ntandaro y'imbaraga zabo, n'ubwo hari bake babivamo. Hari nk'ibitabo 2 by'ibanze ku muntu ushaka kumenya Illuminati, aribyo *The 13 Satanic Bloodlines of Illuminati* cya Fritz Springmeier wahoze muri Illuminati na *Cosmic Trigger : the Final Secret of The Illuminati* cya Robert Anton. Ibyo ni ibitabo birebire cyane ariko birimo amakuru menshi. Hari n'imbuga za internet nka www.illuminati-news.com ya Wes Penre wanze gukurikira inzira y'abakurambere muri Illuminati na www.leozagami.com ya Leo Zagami nawe wabigenje uko.

Ibyerekeye Freemasonry byo ni byinshi cyane, kandi bimwe byagiye byandikwa n'aba Freemasons ubwabo. Skull and Bones bo buri mwaka muri Kaminuza ya Yale binjizamo 15 bashya, kandi mbere byatangazwaga muri The New York Times, kimwe mu binyamakuru bizwi kandi bisomwa cyane ku isi no muri Amerika by'umwihariko. Muri make nk'uko nabivuze ubushize, ni secret society ariko abarimo baba bazwi kandi babyishimiye kuko iba ari imiryango itajyamo buri wese, keretse bake bahamagariwe kumenya ubwenge rubanda rugufi tutazapfa tumenye, aribyo byitwa Enlightment (ubumurikirwe, ni kimwe na Illuminati : abuzuye urumuri, ni ukuvuga abanyabwenge bwuzuye).



**15 bashya binjiye muri Skull and Bones mu 1948. Bose bagize imyanya myiza mu buyobozi bwa USA,**
**harimo na George Bush Sr. (wegereye isaha ibumoso) waje kuba perezida (1988-1992)**

Mu nkuru zabanje nagiye mvuga byinshi ku ruhare Illuminati igira mu buzima bwa muntu. Ku babazaga amakuru arenze, biroroshye cyane kwandika ijambo Illuminati muri You Tube (youtube.com) ukareba ama videos ibihumbi n'ibihumbi abivugaho. Kugirango urebe video muri You Tube biragusaba kuba uri kuri connexion yihuta kandi utakoresheje za modem ushyiramo amakarita y'amafaranga make kuko yahita ishira ntacyo urabona ! Gukoresha You Tube ni uburyo bwiza bwagufasha kumenya ibintu byinshi mu gihe gito utavunitse, kuko uba ubireba aho kubisoma.

- Kanda hano na hano urebe inkuru zivuga kuri bamwe mu bahanzi b'ibyamamare n'uruhare Illuminati igira mu bihangano byabo.

Nigeze kuvuga ku kuntu muri films, amatangazo yamamaza (publicités/ads) n'ibindi haba harimo ibyongera irari ry'umubiri. Kanda hano urebe uburyo hari ibintu bikwinjira mu mutwe, n'ubwo ibyo ureba byose utabifata mu mutwe, ariko ibyo wumva cyangwa ureba byose bigumamo, kandi bikagena imyitwarire yawe, ibyo nibyo bita subliminal message. Urugero ni uko hari indirimo ushobora gutega amatwi ukumva urishimye mu mubiri, kimwe n'iyo hari iyo wumva ukumva urababaye cyangwa ugize umujinya.

Injyana ya rock ishinjwa kuba ibamo subliminal message zishobora gutuma umuntu yiyahura cyangwa akagirira undi nabi. Muri za concerts za rock zikomeye nk'iza Led Zeppelin, AC/DC, Rolling Stones n'andi hagaragaramo ibikorwa by'ubusambanyi, guterana ibyuma, kwiyahura, kurwana n'ibindi, kandi ntibiterwa gusa n'ibiyobyabwenge umuntu aba yanyoye, ahubwo ubutumwa bw'umuziki (akenshi buba butandukanye n'ubw'amagambo) nibwo butuma umuntu yitwara mu buryo budasanzwe. Izo subliminal messages rero ziba no mu mashusho tureba buri gihe, ariko zose si mbi kuko mu ndirimbo turirimba mu kiliziya cyangwa mu rusengero haba harimo subliminal messages zegereza umuntu Imana.

**New World Order**



Abavuga ibya Illuminati bakunda kugaruka ku magambo New World Order, ni ukuvuga uburyo bushya isi izaba iteyemo, aho izaba imeze nk'igihugu kimwe. New World Order ni inyito ikunda gukoreshwa n'abayobozi b'ibihugu bikomeye nka France, U Bwongereza, USA, U Burusiya, U Budage, ndetse n'abayobozi b'amadini akomeye.

Ku idolari ry'Amerika handitseho mu kilatini ngo "Annuit Coeptis, Novo Ordo Seclorum" ni ukuvuga ngo "yemeye ibyatangijwe… Uruhererekane rushya mu binyejana bizaza". Iyo annuit coeptis yanditse hejuru y'ijisho (The Eye of Horus cyangwa The Eye of Satan) bisobanuye ko nyirijisho ariwe wemeye ibyatangijwe. New World Order ikaba yaratangijwe rero n'ishyirwaho rya Leta Zunze ubumwe z'Amerika ryabayeho amezi 2 nyuma y'ishyirwaho rya Illuminati mu 1776.




Imiryango ishyirwaho igamije guhuza ibihugu byinshi hamwe iba yubahiriza iyo ntego ya New World Order ishyigikiwe na Loni n'ibihugu bikomeye, akaba ari nabyo bidutunze. Iyo ntego izagerwaho ubwo ibihugu byose bizaba byavuyeho, nta mipaka, hariho ifaranga rimwe, idini rimwe n'umuyobozi umwe. Kuko abantu benshi bo ku isi badashyigikiye icyo gitekerezo, mu buryo bwo kugishimangira habaho intambara, Jenoside, inzara, indwara zidakira cyangwa z'ibyorezo, ihungabana ry'ubukungu, iterabwoba (terrorism), ibiza (habaho imashini za rutura zitera imitingito, yose ntiterwa no kwiyasa kwo munda y'isi) ku buryo abantu bumva ko bakomerewe, bakeneye ubakiza ibyo byago. Abayobozi b'ibihugu bikomeye bavuga New World Order nk'urwego ruzakemura ibibazo byose duhura nabyo muri iki gihe.

Kanda hano wumve uko abayobozi b'isi batandukanye bavuga New World Order.

Hari abantu benshi bagiye bashaka kwigarurira isi yose (Nebukadinezari, Alexandre Le Grand, Hitler, Napoléon, ba Kayizari bayoboraga Roma, Aba Medes n'aba Perses...) ariko ntibabigezeho. Iby'umuyobozi umwe w'isi bivugwa mu bitabo bitagatifu haba Bibiliya Yera, Qor'an Ntagatifu, Torah n'ibindi. Bamwe bamwita Antéchrist, abandi bamwita Maitreya, abandi bavuga andi mazina menshi atandukanye, ariko icyo bahurizaho ni uko azazana indunduro itari nziza y' isi na benshi mu bayituye.

Ngibyo bimwe mu bivugwa kuri Illuminati. Hari byinshi wenda ntavuze kuko ntaho nabyumvise, cyangwa umwanya wabaye muto. Hari byinshi Illuminati yitirirwa, harimo wenda n'ibitari byo kuko biroroshye ko umuntu ajya kuri internet akavuga ko yatsinzwe mu ishuri, cyangwa yabuze bourse kubera Illuminati ! Gusa uruhare rwayo ntawarupfobya, kuko bafite ibikenerwa byose ngo bagere ku ntego zabo (amafaranga, ibitangazamakuru

bikomeye, amashuri akomeye n’ibigo by’ubushakashatsi, amadini n’ubutegetsi bw’ibihugu hafi ya byose babiri inyuma, ...), keretse wenda Imana niyo itari mu ruhande rwabo.